IBIRORI BYA YUBILE YA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ANACLET MWUMVANEZA, UMUSHUMBA WA DIYOSEZI YA NYUNDO MURI PARUWASI YA NYAMATA



Kuri iki cyumweru, tariki 28/08/2016, muri Paruwasi ya Nyamata, habaye ibirori byo kwizihiza Yubile y'imyaka 25, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo amaze ahawe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubupadiri.

Ibyo birori byari byitabiriwe n’Abepiskopi 6, abasaseridoti benshi barimo abagera kuri 70 baturutse muri Diyosezi ya Nyundo, abayobozi bo mu nzego bwite za Leta n’imbaga y’abakristu benshi byabimburiwe n’Igitambo cy’Ukaristiya cyaturiwe muri Kiliziya ya Nyamata.

Mu nyigisho yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Thaddée NTIHINYURWA, Arkiyeskopi wa Kigali yifashishije amasomo asanzwe yo kuri iki cyumweru cya 22 gisanzwe, umwaka C, yagarutse ku bintu bine:

Kwiyoroshya, hari abaje mu bukwe bishakira kwicara mu myanya y'icyubahiro; abatumira barasabwa kujya bibuka kugirira Impuhwe n'urukundo abanyantege nke bakabatumira; Yezu akoresha ukuri kwe ntaguhishira, aravuga ibitagenda mu bukwe yari yatashye; Yasoje inyigisho ashimira Imana itora abapadiri n'Abepiskopi bake ikabavana mu mbaga nyamwinshi.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Thaddée NTIHINYURWA, Arkiyeskopi wa Kigali yamwifurije ishya n'ihirwe. Yamwifurije ko ubutumwa bwe butazigera ibiza. Yamusabye ikintu gikomeye ko yazajya akura imbaraga zizamufasha mu isengesho.

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Yashimiye Imana, anashimira ababyi be, ashimira abantu b'ahantu yanyuze n'aho yakoze ubutumwa hose.

Arishimira ko Imana yamuhaye ubwepiskopi muri uyu mwaka w'Impuhwe z'Imana, umwaka wahuriranye na Yubile ye. Yashimiye arkiyepiscopi ashimira abakristu bose ndetse cyane cyane aba paruwasi Nyamata. Yashimiye by'umwihariko abapadiri ba diyosezi ya Nyundo bamwakiranye urugwiro.

Muri iyi paruwasi yaragijwe Bikira Mariya Umwamikazi w'Intumwa, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA abaye umwepiskopi wa 2 uyivukamo. Aje akurikira Musenyeri Antoine Kambanda. Yasoje ijambo rye ashimira abitabiriye ibyo birori bose.

Byateguwe na Padiri Denys IRIVUZUMWAMI na Padiri Straton NSHIMYUMUREMYI